ASb approved




# Imbwebwe Ishonje N'imizabibu Ibishye

Sylvestre Ntabajyana
Benjamin Mitchley

Kinyarwanda

African Storybook.org



Kera hariho imbwebwe yari ishonje. Yarimo yigendera mu ishyamba ishakisha icyo kurya.




Igera ku biti by'imizabibu byari bifite imbuto zihishije. Nuko ibona iseri rihishije cyane riri mu ishami ry'igiti.



Nuko irivugisha iti, "Mbega ukuntu iyi mizabibu isan'iryoshye!" Yigira inyuma gato ngo ibone uko isimbuka.




Imbuto z'umuzabibu zari kure cyane. Imbwebwe ihita igusha umugongo nta rubuto na rumwe iciye.




Irahaguruka maze yigira inyuma cyane ngo iboneuko isimbuka kurusha mbere. Isimbutse igera kure ariko ntiyashyikira za mbuto.



Ikomeza kugerageza ngo isorome za mbuto ariko biba iby'ubusa. Ahubwo igusha umugongo uza no kubabara cyane.



Biyinaniye burundu ihita yigendera.



Ntabwo yari yishyimye na gato. Yagendaga ihagarara, ikareba inyuma yivugisha, "Puuu! Iriya mizabibu nta n'ubwo iryoshye. Nari nihenze."  Uko yakomezaga kugenda ni ko inzara yarushagaho kwiyongera.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Imbwebwe Ishonje N'imizabibu Ibishye

**Author** - Kholeka Mabeta
**Translation** - Sylvestre Ntabajyana
**Illustration** - Benjamin Mitchley
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - Longer paragraphs

© African Storybook Initiative 2014
Creative Commons: Attribution 3.0
**Source** www.africanstorybook.org